# 328: Yes’ ur' Umukiza wanjye

1.
Yes’ ur' Umukiza wanjye: Kuv' ubu, jye mb' uwawe. Nuhagiwe n'amaraso Yawe, Mwana w'imama.

Ref:
Tugusingize, Muklza, Yesu, Mwana w'intama. Nuhagiwe n'amaraso : Ngushime, Murokozi

2.
Kera nararushye cyane Ngo nihesh' amahoro. Nonubu, namaramaje Kwirangiriza Yesu.

3.
Nzajya mbwir' abantu bose Agakiza ka Yesu, Gashyitse, kalar' igice N'ubugingo bw'ubuntu

4.
Nzajya namamaza Yesu, Nshiz' amanga, nta soni : Uko yambohoy' ingoyi No kunkiz' akankiza.

5.
Mpimbaz' Uwanshunguy' atyo,Ankirish' imbabazi ! Ajy' andind' amp' amahoro :
Nukw asingizw' iteka !

Visit us at indirimbo.com